

IKINYARWANDA

Itariki 19/06/2024

Isaha : saa munani-saa kumi
(14h00-16h00)



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3 IMBONERA Y'IKOSORA

IKICIRO:
UMWAKA WA:

AMASHURI ABANZA
GATANU (P5)

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15)

- 1) Abanyarwanda barigereranyaga n'ikinyabuzima kiva amaraso, **(1)** kuko babonaga ijuru rihinduka umutuku izuba rirenze bakabigareranya n'amaraso, **(1)** kandi kiribwa, gifite ubushobozi bwo guhora cyivugurura kuko bakibonaga buri munsu gituruka ahantu hamwe. **(1) (amanota 3)**
- 2) Mbibwirwa n'uko inyoni zongeye kuvuga, **(amanota 2)** wa mutuzo w'ijoro ugasimburwa n'urusaku. **(amanota 2) (amanota 2)**
- 3) Abanyarwanda bagenaga igihe bahereye ku bintu byabaga byarabaye nk'ibyago, **(1)** ibyishimo, **(1)** imirimo y'ubuhinzi **(1)...(amanota 3)**
- 4) Igihe izuba riba rigeze ijuru hagati ni saa sita z'amanywa. **(1)** Ubibwirwa n'uko uba ushobora gukandagira igicucu cyawe mu mutwe uhagaze hamwe. **(1) (amanota 2)**
- 5) Kuzuza mu nteruro hakoreshejwe ibihe bya Kinyarwanda. **(amanota 5)**
 - (a) Yabategetse kujya bizindura **mu nkoko za mbere (1)** bakaza kumufasha guhanura.
 - (b) Yakundaga guhanura **nijoro (1)** akangutse.
 - (c) Yaraye agenda **ijoro ryose (1)** bucya angezeho.
 - (d) Kuko hari **ku kwezi, (1)** yabyutse bwangu akeka ko ari **mu museke. (1)**

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

- 6) Gushyira inshinga mu ngiro ntega. **(amanota 3)**
- (a) Abana bamwe na bwamwe bangiza ibidukikije. Ibidukikije byangizwa n'abana bamwe na bamwe. **(1)**
 - (b) Ababaji batemye ibiti mu ishyamba kimeza rya Nyungwe. Ibiti byo mu ishyamba kimeza rya Nungwe byatemwe n'ababaji. **(1)**
 - (c) Abashumba bataye amashashi mu mazi. Amashashi yatawe mu mazi n'abashumba. **(1)**
- 7) Ubwoko bw'amagambo atsindagiye ari mu nteruro: **(amanota 3)**
- (a) Uwo: ikinyazina nyereka **(1)** umushya: izina ntera **(1)**
 - (b) Huun : inyiganarusaku **(1)**
- 8) Uturemajambo n'amategako y'igenamajwi: **(amanota 2)**
- inzira: i-n-yira **(1)** $y \rightarrow z/n$ - **(1)**
- 9) Kuzuza interuro zikurikira hakoreshejwe ikinyazina ngenga gikwiye. **(amanota 2)**
- (a) **Nge/ ge/ ngewe/ gewe** si ko mbyumva. **(1)**
 - (b) Sigara aho **wenyine** niba udashaka kwifatanya n'abandi! **(1)**

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 15)

- 10) Gusimbuza amagambo atsindagiye andi akoreshwa mu mvugo iboneye mu Kinyarwanda. **(amanota 3)**
- bayasukaga: bayabuganizaga (1) gufata: kuvura (1)**
- bakayazunguzamo: bakayacunda (1)**
- 11) Andika ibintu bitatu biranga inkuru ishushanyije **(amanota 3)**
- Inkuru ishushanyije irangwa n'amashusho mbere na mbere. **(1)**
 - Igira abanyarubuga, ikagira urusobe rw'ibikorwa kuva ku ntangiriro kugera ku musozo. **(1)**
 - Buri munyarubuga arangwa n'igishushanyo gisa ukwacyo yaba ari umuntu akambara ukwe, ku buryo ntawamwitiranya n'undi. **(1)**

- Amagambo umunyarubuga avuga aganira na bagenzi be ashyirwa mu kaziga cyangwa mu gakiramende gafite akarizo kerekeza ku gishushanyo kimugaragaza.
- Amashusho n'amagambo agabanywa mu tuzu, buri munyarubuga uri mu kazu ke
- Ibiganiro bitondekwa uva ibumoso ujya iburyo, ukabona kumanuka.
- Iyo hakenewe ibisobanuro, umubarankuru abitanga mu gakiramende katagira igishushanyo

12) Gutahura mu kinyatuzu amagambo yerekeranye n'ishuri: **(amanota 4)**

- ISHURI **(1)**
- ISAHA **(1)**
- IRATI **(1)**
- IKIBAHU **(1)**
- ABANA
- IBITI
- ISOMO

13) Gusimbuza amagambo andi aranga igihe bivuga kimwe. **(amanota 2)**

- (a) Hirya y'ejo: ejobundi **(1)**
- (b) Ubwo nzagaruka: ubutaha **(1)**

14) Gukosora amakosa y'inyandikire ari muri iyi nteruro: **(amanota 3)**

Turaza guhura **saa (1) sita (1) z'amanywa. (1)**

IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 10)

15) Guhanga umwandiko w'imirongo cumi n'itanu (15). **(amanota 10)**

Hazarebwa umwandiko umunyeshuri azaba yanditse n'ibitekerezo bishyigikira ingingo ze. Zimwe muri izo ngingo ni izi zikurikira:

Imiterere y'u Rwanda : imisozi n'ibibaya, ikirere kiza, ibihe bisimburana

Ubuyobozi bwegerejwe abaturage

Ubutabera kuri bose

Uburenganzira bw'abana n'abagore

Uburinganire n'ubwuzuzanye

Imibereho y'abaturage ...

Hazarebwa kandi kubahiriza imbata y'umwandiko hakanakosorwa amakosa y'imyandikire n'ay'inozamvugo.

GS GIKOMERO